


# JOYCE MEYER

## URUGAMBA RWO MU

## BITEKEREZO

**Kunesha intambara yo mu bitekerezo**



# URUGAMBA RWO MU BITEKEREZO

**Kunesha intambara yo mu bitekerezo**

# URUGAMBA RWO MU BITEKEREZO

**Kunesha intambara yo mu bitekerezo**

*Na Joyce Meyer*



JOYCE MEYER  
MINISTRIES

Uretse aho bigaragazwa ukundi, Ibyanditswe Byera byandukuwe muri iki gitabo byakuwe muri Bibiliya Yera y' 1993.

Cyahinduwe mu Kinyarwa kivanwa mu Cyongereza na Bizimana Vital na Nizeyumukiza Justin

Urugamba rwo mu bitekerezo  
Gutsinda intambara yo mu bitekerezo  
ISBN 0-89274-778-1  
Uburenganzira bw'umuhanzi ©1995 Joyce Meyer  
Life In The Word, Inc.  
P.O.Box 655  
Fenton, Missouri 63026

## Gutura

**N**difuza gutura iki gitabo *Urugamba rwo mu bitekerezo* umuhungu wanjye w'imfura Dawidi. Nzi ko imiterere yawe ari nk'iyanyje kuko wahuye n'intambara mu mitekerereze yawe. Ndabona ugenda ukura, kandi nzi ko urimo kubaho mu ntsinzi zikomoka ku guhindura imitekerereze mishya.

Ndagukunda Dawidi, kandi mfite ishimwe ku bwawe.

Komeza utwarane!

# IBIRIMO

## *Igice cya I: Akamaro k'ibitekerezo*

<b>Intangiriro</b>	11
1. Mu bitekerezo ni ho habera intambara	11
2. Gusenya ibihome	12
3. Uko utekereza ni ko uri	14
4. Tekereza ku byo utekereza	15

## *Igice cya II: Imiterere y'imitekerereze*

5. Imitekerereze izerera	20
6. Imitekerereze y'impagarara	20
7. Imitekerereze iri mu gihirahiro	21
8. Ujye ukora iby'iryo jambo	22
9. Iringire Imana wikwiringira ubwenge bw'umuntu	22
10. Imitekerereze ishidikanya kandi itizera	23
11. Imitekerereze yiganyira kandi irimo impagarara	25
12. Imitekerereze irimo guca imanza, kunegurana n'urwikekwe	26
13. Ubusobanuro bwo guca imanza	26
14. Imitekerereze y'ubunebwe	27
15. Gutekereza kwa Kristo	28

## *Igice cya III: Imitekerereze y'ubutayu*

<b>Intangiriro</b>	37
16. Uko nzabaho biterwa n'uko nabayeho n'uko ndiho	37
17. Hagire undi ubinkora, sinshaka gufata inshingano	38
18. Ntacyo nakora niba ibintu bikomeye cyane !	40
19. Ntacyo nabikoraho. Nasabitswe no kwivovota,	41
20. Wituma ntegereza - ndabishaka nonaha	43
21. Imyifatire yanjye iragayitse, ariko ikosa si iryanjye	45
22. Ubuzima bwanjye buteye agahinda, numva nibabariye...	45
23. Sinkwiriye imigisha y'Imana kubera ko ntakwiriye	46
24. Kuki ntagira ishyari no kwifuza...	47
25. Ndabikora uko mbyumva cyangwa mbireke	49
Ibitabo byifashishijwe	51

**Igice cya**

**1**

**Akamaro k'ibitekerezo**

---

---

# Igice cya 1: Akamaro k'ibitekerezo

---

---

## Intangiriro

Twavuga dute mu buryo bunoze akamaro k'ibitekerezo byacu, ku buryo twasobanura neza Imigani 23:7: "**Kuko uko (umuntu) atekereza ku mutima ari ko ari**". Ibikorwa byacu ni ingaruka y'ibitekerezo byacu. Niba dutekereza mu buryo bubiri, tuzagira ubuzima bubiri. Ariko niba tuvuguruye ibitekerezo byacu tukabihuza n'Ijambo ry'Imana, tuzagenda mu mibereho yacu mu byo "**Imana ishaka, ari byo byiza bishimwa kandi bitunganye rwose**", nkuko mu Baroma 12 :2 hadusezeranya.

## 1. Mu bitekerezo ni ho habera intambara.

“Kuko intwari z'intambara yacu atari iz'abantu (intwari z'inyama n'amaraso), ahubwo imbere y'Imana zigira imbaraga zo gusenya ibihome no kubikubita hasi. Dukubita hasi impaka n'imitekerereze n'ikintu cyose cyishyiriyeho hejuru kurwanya kumenya (neza) Imana. Dufata mpiri ibitekerezwa mu mitima byose ngo tubigomorerere Kristo (Mesiya, Uwasizwe). 2 Abakorinto 10:4, 5

Turi mu ntambara. Intambara yacu si iyo kurwana n'abandi bantu ahubwo ni iyo kurwana na Satani n'abadayimoni be. Umwanzi wacu Satani agera ku kuturwanya akoresheje ingamba n'amayeri, binyuze mu migambi yizwe neza n'ubushukanyi bugambiriwe.

Satani ni umubeshyi. Yesu yamwize se w'ibinyoma n'ibintu byose bitari mu kuri (Yohana 8:44). Aratubeshya wowe na nje. Atubwira ibintu kuri twe, ku bandi bantu no ku bibaho, ariko bitari ukuri. icyakora ntatubwirira icyarimwe ikinyoma cyuzuye. Atangira arasa mu mitwe yacu kandi muri gahunda yiganywe ubwenge, udutekereze tw'urwikekwe, gushidikanya, ubwoba, kwibaza, kwishakishiriza inzira n'imitekerereze y'abantu. Akomeza buhoro buhoro kandi adahubuka. Wibuke ko afite gahunda y'intambara ye. Yatwize igihe kirekire. Satani agera ku kubaka "ibihome" mu mitekerereze yacu, akoresheje gahunda yizwe neza n'uburiganya bwo kubeshya. Ibihome ni ahantu tuba dufungirwe (muri gereza) bitewe n'uburyo ubu n'ubu bw'imitekerereze.



## **Reka tuvuge muri make uko biteye:**

1. Satani ni umwanzi wacu.
2. Mu mitekerereze ni ho habera urugamba.
3. Satani akorana umwete ngo yubake ibihome mu mitekerereze yacu.
4. Abikora akoresheje gahunda n'uburiganya (binyuze mu migambi yizwe neza n'ubushukanyi bugambiriwe).

## **2. Gusenya ibihome**

Reka mbahe urugero rw'ukuntu ibihome byo gutekereza nabi bishobora gusenya urugo. Mariya n'umugabo we Yohani ntabwo banezerewe mu rugo rwabo. Hahora intambara hagati yabo. Bahora barakaye, bashaririwe, nta wishimiye undi. None abana babo babiri batangiye kwerekana ibimenyetso by'uko ubwo bwumvikane buke bwo mu rugo bwabagizeho ingaruka. Umwana umwe ndetse yagize uburwayi bw'igifu butewe n'ayo makimbirane.

Ikibazo cya Mariya ni uko atazi uburyo yareka ngo Yohani abe umutware w'urugo. Yitwara gitware - ashaka gufata ibyemezo byose, gucunga umutungo w'urugo no gutoza abana imyifatire myiza. Ashaka gukora ku buryo abona amafaranga ye "bwite". Arigenga, arasakuza kandi ntanyurwa. Mariya yamenye ko imyifatire ye atari myiza, none arashaka guhinduka. Agisha abantu inama kandi ahora asaba ko bamusengera ngo Imana imufashe kunesha umujinya, kwivumbura, kutababarira, umunabi no gusharira. Ariko kugeza ubu arabona nta gihinduka. Kubera iki?

Mu gihe cy'imyaka myinshi, Mariya yubatswe ibihome mu mitekerereze ye. Mariya ntashobora gutegeka ibikorwa bye kubera adashobora gutegeka ibitekerezo bye. Ntashobora gutegeka ibitekerezo bye kubera ibihome biri mu mitekerereze ye - ibihome byubatswe mu buzima bwe hakiri kare cyane.

Akiri umwana, Mariya yari afite se w'umunyagitugu cyane. Yababaye imyaka myinshi kandi nta wamutabaraga mu gihe se yabafataga nabi we na nyina. Yarabasuzuguraga muri byose,

akubaha gusa musaza wa Mariya wagaragaraga nkaho nta kibi ashobora gukora. Byasaga nkaho yamutoneshaga kubera gusa ko ari umuhungu. Yagejeje ku myaka 16 ibihome byo mu mitekerereze ya Mariya bimaze gushinga imizi. Igihome cy'ibinyoma cyari giteye gitya: “Abagabo batekereza ko hari icyo bari cyo. Bose ni bamwe, nta n’umwe muri bo ushobora kwizera. Bazakubabaza kandi bakugire igikoresho cyabo.” Ibyo byatumye mu mitekerereze ya Mariya hahinduka hatya: “Nimva mu rugo, nta muntu uzongera kunkandagira (kuntegeka uko yishakiye)”. Ubwo rero kugira ngo Mariya abone intsinsi mu buzima bwe maze agire n’amahoro mu rugo rwe, azabanza asenye ibihome bigenga imitekerereze ye. Ese nawe uribona mu buzima bwa Mariya? Benshi muri twe baguye hatu na hatu muri ibi bishuko. Ibi bihome se byasenywa bite?

Dufite intwaro ikomeye y’Ijambo ry’Imana. Tugomba kwakira ukuri kw’Imana muri twe, tukavugurura imitekerereze yacu dukoresheje Ijambo ryayo. Ubu ni bwo buryo dukoresha intwaro zo mu 2 Abakorinto 10:4-5 kugira ngo dusenye ibihome byo mu mitekerereze yacu.

Izindi ntware zo mu mwuka dufite ni uguhimbaza no gusenga. Guhimbaza binisha Satani mu buryo bwihuse kurusha indi ngamba yose y’intambara, ariko kugomba kuba ari uguhimbaza kuvuye ku mutima, atari uko ku munwa gusa cyangwa se atari uburyo bugeragezwa gusa ngo barebe niba hari icyo bwatanga. Na none, guhimbaza no gusenga byombi bigendana n’Ijambo ry’Imana. Duhimbaza Imana dukurikije Ijambo ryayo no kugira neza kwayo.

Gusenga ni ukugirana ubusabane n’Ubutatu bw’Imana. Ni ukuza ugasaba Imana kugufasha cyangwa ukayibwira ibikubangamiye.

Niba ushaka kugira ubuzima bwo gusenga bugira umumaro, teza imbere umubano mwiza hagati yawe n’Imana Data. Menya ko igukunda, ko yuzuye imbabazi, ko izagufasha. Shaka uko wamenya Yesu. Ni inshuti yawe. Yaragupfiriye. Shaka uko wamenya Umwuka Wera. Ahorana nawe nk’Umufasha wawe.

### 3. Uko utekereza ni ko uri

**"Kuko uko atekereza ku mutima ari ko ari..."** Imigani 23:7

Uyu murongo wonyine uratwerekana uburyo ari ngombwa cyane ko dutekereza uko bikwiriye. Ibitekerezo bigira imbaraga, kandi dukurikije ibyo umwanditsi w'igitabo cy'Imigani avuga, bifite ubushobozi bwo kurema. Niba ibitekerezo bigira ingaruka ku cyo turi cyo, birumvikana ko icy'ibanze ari uko dutekereza ibitekerezo biboneye.

Ndashaka kubumvisha akamaro ko guhuza imitekerereze yanyu n'Ijambo ry'Imana. Ntushobora kugira ubuzima bwiza kandi ufite gutekereza kubi. Imitekerereze yawe igomba guhindurwa mishya n'Ijambo ry'Imana. Imitekerereze isa n'iy'Imana ni ngombwa cyane kugira ngo ugire ubuzima bwa gikristo bukwiye. Wibuke ko kuvugurura imitekerereze yawe bizakorwa buhoro buhoro, bityo rero ntuzacike intege nubona imihindukire yawe isa nigenda buhoro.

Mu gice cya 8 cy'Abaroma hatwigisha ko niba "twita" ku bya kamere y'umubiri tuzakurikiza ibya kamere y'umubiri, riko niba "twita" ku by'Umwuka, tuzakurikiza iby'Umwuka. Ukeneye gukurikiza iby'Umwuka? Gukurikiza ibya kamere y'umubiri bisobanura kwiyiringira wowe ubwawe, naho gukurikiza iby'Umwuka bisobanura kwiringira Imana. Na none, iyo dutekereza ibitekerezo by'umubiri, ibitekerezo by'ibinyoma, ibitekerezo bibi, ntidushobora gukurikiza iby'Umwuka.

Ku wizera, imitekerereze y'ukuri ni ngombwa kugira ngo abeho. Kuvuga ko ari ngombwa kugira ngo abeho bisobanura ko ari ngombwa cyane ku buryo umuntu atabaho atayifite- mbese nkuko nta buzima bwabaho umutima udatara cyangwa amaraso adatembera.

Rinda ururimi rwawe ikibi!

"Kuko ushaka gukunda ubugingo no kubona iminsi myiza (myiza - byaba bigaragara cyangwa bitagaragara), abuze ururimi rwe rutavuga ikibi, n'iminwa ye itavuga iby'uburiganya (ikinyoma, ubushukanyi)" 1 Petero 3:10

Uyu murongo utwereka neza ko kunezererwa ubuzima no kubona iminsi myiza bijyana no kugira ibitekerezo byiza n’ amagambo meza. Uko byagenda kose, iringire Imana - kandi wibwire ibyiza! Naho waba uri mu bihe bibi mu buzima bwawe n’ imitekerereze yawe, wigamburura! Isubize akarere Satani yakwibye. Niba ari ngombwa, isubize metero imwe imwe y’ako karere, kandi buri gihe wishingikirize ku buntu bw’Imana aho kwishingikiriza ku bushobozi bwawe kugira ngo ugere ku ntego wifuza. Nturambirwe. Ntugire wa mwuka wa kera wo “kugamburura”. Imana irashaka abantu bazagendana nayo urugendo rwose.

**“Igituma Uwiteka yihangana ni ukugira ngo abagirire neza, kandi igituma ashirwa hejuru ni uko abagirira ibambe, kuko Uwiteka ari Imana ica imanza zitabera. Hahirwa abamutegereza bose”.** Yesaya 30:18

Iki gice ni kimwe mu Byanditswe Byera nkunda cyane. Nugitekerezaho, kizatangira kuzana ibyiringiro bikomeye. Muri icyo gice, Imana iravuga ko ishaka umuntu yagirira neza, ariko uwo muntu agomba kuba adafite umutima ushaririye n’ imitekerereze mibi. Agomba kuba ari umuntu utegereje (ushaka kandi wifuza ko Imana imugirira neza). Ntuzigere urorera kwiringira. Nubikora uzagira ubuzima buteye agahinda! Niba ufite ubuzima buteye agahinda kubera ko nta byiringiro ufite, tangira ugire ibyiringiro. Witinya. Singusezeranyije ko ibintu bizahora bihinduka neza neza nkuko ubishaka. Singusezeranyije ko utazigera ubura ibyo wari witeze kubona. Ariko no mu bihe nk’ ibyo, nibiramuka bikubayeho, ushobora gukomeza kugira ibyiringiro n’ imitekerereze myiza. Injira mu mwuka w’Imana ikora ibitangaza. Tegereza igitangaza mu buzima bwawe. Tegereza ibintu byiza!

#### **4. Tekereza ku byo utekereza.**

Umwamditisi wa Zaburi Dawidi yavuze kenshi ku gutekereza ku mirimo yose itangaje y’Uwiteka. Ubwo yari aremerewe mu mutima, yanditse muri Zaburi 143:4,5 ngo: “Ni cyo gitumye umwuka wanjye ugwira isari muri njye, umutima wanjye ukumirirwa muri jye. Nibutse iminsi ya kera, nibwira ibyo wakoze byose, ntekereza umurimo w’intoki zawe.” Muri iki gice turabona ko iyo Dawidi yumvaga

aremerewe kandi afite agahinda, igisubizo cy'ikibazo cye nticwabaga gutekereza ku kibazo, ahubwo yarwanyaga icyo kibazo mu buryo bwo guhitamo kwibuka iminsi myiza ya kera - yibwira ibikorwa by'Imana n'imirimo y'intoki zayo. Mu yandi magambo, yatekerazaga ku kintu cyiza kandi bikamufasha kunesha agahinda.

Ntuzigere wibagirwa iki: imitekerereze yawe ifite uruhare rukomeye mu kunesha kwawe.

Nzi ko ari imbaraga z'Umwuka Wera zikorera mw'Ijambo ry'Imana zizana intsinzi mu buzima bwacu. Ariko igice kinini cy'umurimo ugomba gukorwa ni uko duhuza imitekerereze yacu n'Imana n'Ijambo ryayo.

Abantu benshi bazaba mu ijuru kubera ko bakiriye Yesu nk'Umukiza wabo, ariko benshi muri bo bazaba batarigeze bagendera mu ntsinzi cyangwa ngo babe baranezerewe umugambi mwiza Imana yari ifitiye ubuzima bwabo kubera ko batigeze bahindura imitekerereze yabo mishya ngo bayihuze n'Ijambo ry'Imana.

Reka mbisubiremo bwa nyuma: Tekereza kubyo utekereza. Ushobora kubona aho bimwe mu bibazo byawe biri maze ugatangira inzira yo kwibohoza vuba. Vugurura imitekerereze yawe ukoresheje Ijambo ry'Imana, nyuma uzabona intsinzi!

**Igice cya**

**II**

**Imiterere y'Imitekerereze**

---

---

## Igice cya II: Imiterere y'Imitekerereze

---

**...Nyamara twebwe dufite gutekereza kwa Kristo. 1**  
Abakorinto 2:16

Imitekerereze yawe iteye ite? Wari wabona ko imiterere y'imatekerereze yawe ijya ihinduka? Igihe kimwe ushobora kuba utuje kandi utekanye, ikindi gihe ukaba wiganyira kandi uhagaritse umutima. Cyangwa ushobora gufata icyemezo kandi utagishidikanyaho, maze hanyuma ugasanga haje igihu mu mitekerereze yawe kuri cya kintu wumvaga gisobanutse neza kandi utagishidikanyaho.

**(Kuko mbasabira iteka) kugira ngo Imana y'Umwami wacu Yesu Kristo, ari yo Data wa twese w'icyubahiro, ibahe umwuka w'ubwenge no guhishurirwa bitume muyimenya, ngo amaso y'imitima yanyu abone uko ahweza mumenye ibyo mwiringizwa n'Iyabahamagaye, mumenye n'ubutunzi bw'ubwiza bw'ibyo azaraga abera. Abefeso 1:17,18**

Murabona ko Paulo asenga ngo wowe nanjye duhabwe ubwenge mu buryo bwo guhweza kw'amaso y'imitima yacu. Nkurikije ibintu byinshi nize, nsobanura “amaso y'umutima” nk'imatekerereze.

Dukurikije Ijambo ry'Imana, ni ngombwa cyane ko imitekerereze yacu imurikirwa ku bibera mu mwuka wacu. Umwuka Wera yifuza kuzana uyu mucyo. Imiterereze iba nta kibazo ifite igihe iruhutse - atari igihe irimo ubusa, ahubwo igihe iruhutse.

Imitekerereze ntikwiye kuzuramo gushyushya umutwe, guhagarika umutima, kwiganyira, ubwoba n'ibindi bisa bityo. Igomba kuba ituje, itekanye, nta mususu. Uko dukomeza muri iki gice cya kabiri cy'igitabo, uzabona imiterere myinshi mibi y'imatekerereze ndetse ahari usange uyibona kenshi mu mitekerereze yawe bwite.

Umwuka Wera aha umwuka w'umuntu amakuru aturutse ku Mana, maze iyo umwuka we n'imatekerereze ye bifashanya, uwo muntu ashobora kugendera mu bwenge no guhishurirwa by'Imana!

Ariko niba imitekerereze ye iri muri rwaserera, ntizamenya icyo Uwiteka ashaka kumuhishurira anyuze mu mwuka we!

Uko niko itumanaho hagati y’Umwuka w’Imana n’umwuka wacu riteye. Inzira z’Umwuka Wera ziroroheje; akenshi atuvugisha nkuko yavugishije umuhanuzi Eliya - mu “ijwi ryoroheje ry’ituza” (1 Abami 19:12). Ni ngombwa cyane rero ko twiga kuguma mu bihe bituma twumva.

## **5. Imitekerereze izerera**

Nkuko twabivuze mbere, imitekerereze irimo rwaserera iba ifite ikibazo. Indi miterere y’imatekerereze ifite ikibazo ni iyo kuzerera hirya no hino. Kudashobora kuguma hamwe byerekana guterwa na Satani.

Abantu benshi bamaze imyaka bemerera ibitekerezo byabo kuzerera kubera ko batigeze bakoresha amahame yo gushyira kuri gahunda imitekerereze yabo. Muri ubu buryo, ndumva ko nibura ndimo guhangana n’icyo kibazo. Guhangana n’ibibazo ni bwo buryo bwonyine bwo kubinesha!

Ibuka ko Satani ashaka ko wibwira ko hari icyo ubuze mu mutwe - ko hari ikintu kitagenda muri wowe. Ariko ukuri ni uko ukeneye gusa gutangira guha gahunda imitekerereze yawe. Ntuyemerere ko izerera mu mugi wose, ikora ibyo ishaka. Tangira uyu muni “kurinda ikirenge cyawe”, kugumisha ibitekerezo byawe ku cyo urimo gukora. Uzakenera gukora imyitozo. Kureka imico wari usanganwe ukitoza imico mishya buri gihe bifata igihe, ariko amaherezo usanga byari bikwiye.

## **6. Imitekerereze y’impagarara**

Iyo nabaga mpanganye n’ikintu, natangiraga kenshi kwiyumva mvuga nti “Ndibaza niba”.

Guhora wibaza bituma umuntu adafata icyemezo, kandi kudafata icyemezo bishyira umuntu mu gihirahiro. Kwibaza, kudafata icyemezo no kuba mu gihirahiro bituma umuntu atakira mu kwizera igisubizo cy’Imana ku masengesho ye cyangwa icyifuzo cye.



Nk'abakristo, nk'abizera, tugomba kwizera - ntitugomba gushidikanya!

## 7. Imitekerereze iri mu gihirahiro

**Ariko rero asabe yizeye ari nta cyo ashidikanya, kuko ushidikanya ameze nk'umuraba wo mu nyanja, ujanwa n'umuyaga ushushubikanywa. Umeze atyo ye kwibwira ko azagira icyo ahabwa n'Umwami Imana, kuko umuntu w'imitima ibiri anamuka mu nzira ze zose. Yakobo 1:6-8**

Yakobo 1:6-8 ni Ibyanditswe Byera bihebuje bidufasha gusobanukirwa uburyo bwo kunesha kwibaza, gushidikanya, no kuba mu gihirahiro maze tukakira ibyo dukeneye ku Mana. Ku bwanjye, "umuntu w'imitima ibiri" ni ishusho y'igihirahiro mu gihe agenda imbere n'inyuma, ntiyigere agira icyo ahagararaho. N'iyi yibwiye ko amaze gufata icyemezo, hahita haza kwibaza, gushidikanya no kuba mu gihirahiro bigatuma yongera gukorera mu "mitima ibiri". Nta kintu na kimwe aba yizeye.

Abantu b'Imana benshi bari mu gihirahiro. Kuki? Nkuko twabibonye, impamvu imwe ni ukwibaza byinshi. Indi mpamvu ni ugushakisha mu bitekerezo. Inkoranyaga magambo isobanura izina "impamvu" nk' "igituma ikintu runaka kigira ubusobanuro bwumvikana" naho inshinga "gushakisha mu bitekerezo" nko "gukoresha ubushobozi bwo gutekereza : gutekereza mu buryo bwumvikana".)1

Uburyo bworoshye bwo kubivuga ni ubu : habaho gushakisha mu bitekerezo iyo umuntu agerageje gushakira impamvu ziri inyuma y'ikintu. Gushakisha mu bitekerezo bituma ubwenge bujagajaga ikibazo cyangwa ikintu cyabaye bugerageza gusobanukirwa ibice byose bikigize.

Tuba dushakisha mu bitekerezo iyo dusesengura icyavuzwe cyangwa inyigisho kugira ngo turebe niba yumvikana mu bwenge bwacu, bitaba ibyo ntityemere.

Akenshi Satani atwiba ubushake bw'Imana biturutse ku gushakisha mu bitekerezo. Imana ishobora kutuyobora gukora ikintu

runaka, ariko twasanga kidasobanutse - kitumvikana mu bwenge bwacu - tukaba twagwa mu gishuko cyo kutacyemera. icyo Imana iyoboramo umuntu gukora ntikiba buri gihe gisobanutse mu mitekerereze ye. Umwuka we ushobora kubyemera ariko ubwenge bwe bukabihakana, cyane cyane iyo ari ikintu kidasanzwe cyangwa kitanejeje cyangwa ikintu gisaba kwitanga cyangwa kureka ibyakunezezaga.

## **8. Ujye ukora iby'iryamba!**

Igihe cyose tumenye icyo Ijambo rivuga tukanga kugikora, gushakisha mu bitekerezo kuba kwabigizemo uruhare maze kukatubeshya tukizera ikindi kintu kitari ukuri. Ntitugomba kumara igihe gikabije tugerageza kwiyumvisha (mu bwenge bwacu) buri kintu Ijambo ry'Imana rivuga. Niba umwuka uri muri twe agihamya, dushobora gutera intambwe tukagikora.

Igihe Imana ivugiye mu Ijambo ryayo cyangwa mu muntu wacu w'imbere, ntidukwiye gushakisha mu bitekerezo, kujya impaka, cyangwa kwibaza niba ibyo yavuze byumvikana.

Iyo Imana ivuze tugomba guhaguruka tugakora - ntitugomba kubishyira mu bwenge.

## **9. Iringire Imana, wikwiringira ubwenge bw'umuntu**

We kwishingikiriza ku bwenge. Gushakisha mu bitekerezo bikingurira umuryango ibinyoma kandi bikazana igihirahiro cyinshi. Gushakisha mu bitekerezo bifite ingaruka mbi kubera impamvu nyinshi, ariko imwe muri zo ni iyi: dushobora gushakisha mu bitekerezo maze tukagera ku mwanzuro tubona ko wumvikana. Nyamara ibyo twibwiye ko ari ukuri bishobora n'ubundi kuba atari ukuri.

Ubwenge bw'umuntu bukunda ibintu bisobanutse, gahunda, no gutekereza. Bukunda gukora ibyo busobanukiwe. Bityo rero, dukunda gushyira ibintu mu dusanduku duta dusukuye maze tukadushyira aho twagenewe mu bwenge bwacu, mu mitekerereze yacu. "Ibi bigomba kuba ari byo kuko bikwiriyemo neza hano." Dushobora kubona ikintu ubwenge bwacu bwishimiye, nyamara kikaba atari

ukuri. Wibuke ko ubwenge n'umwuka bikorana, ariko umwuka ni rwo rugingo rusumbya agaciro ubwenge kandi ugomba kubahwa kurusha ubwenge.

Niba tumenye mu mwuka wacu yuko ikintu atari ukuri, ntudukwiye kwemerera imitekerereze yacu kutwemeza kugikora. Na none niba tuzi mu mwuka wacu ko ikintu ari kuri, ntitugomba kwemerera imitekerereze yacu kutwemeza kutagikora.

## 10. Imitekerereze ishidikanya kandi itizera

Inkoranya ya Vine y'Amagambo yo mu Isezerano rya Kera n'Irishya isobanura "gushidikanya" nk'inshinga ivuga "...guhagarara mu nzira ebyiri...bisobanura kuba utazi neza inzira uri bunyuremo,... bikavugwa ku bizera bafite ukwizera guto...baganya, bitewe n'ibitekerezo bitari hamwe, bibajarajaza hagati y'ibyingiro n'ubwoba ..."

Iyo nkoranyamagambo isobanura kandi ko rimwe mu magambo abiri y'Ikigereki asobanura "kutizera" buri gihe risobanurwa nko "kutumvira" muri Bibiliya RV (The Revised Version of the King James Translation)<sup>2</sup>.

Turebye rero ibi bikoresho bibiri bifite imbaraga umwanzi akoresha, dusanga gushidikanya gutera umuntu kujarajara hagati y'ibitekerezo bibiri, naho kutizera kukamujiyana mu kutumvira. Gushidikanya kuza mu ishusho y'ibitekerezo bihabanye n'Ijambo ry'Imana. Ni yo mpamvu ari ngombwa cyane ko tumenya Ijambo ry'Imana. Iyo tuzi Ijambo ry'Imana, dushobora kumenya igihe Satani arimo kutubeshya. Menya neza udashidikanya ko atubeshya kugira ngo atwibe ibyo Yesu yaturonkeye mu rupfu no kuzuka bye.

Kutumvira bishobora kuba gusa kugamburura mu gihe Imana itubwira gukomeza. Kutumvira ni ukwiringagiza ijwi ry'Imana, cyangwa ikintu cyose Imana irimo kutubwira, atari ukurenga ku mategeko icumi byonyine. Mu gihe Imana itubwiye ikintu cyangwa ikadusaba gukora ikintu, ukwizera ko kubyemera cyangwa kubikora kuzanwa n'ijambo rivuye ku Mana.

Byaba bitumvikana Imana idusaba gukora ikintu maze ntiduhe ubushobozi bwo kwizera ko dushobora kugikora. Satani izi uburyo

twayimerera nabi mu gihe tugize umutima wuzuye kwizera, bityo ikadutera ikoresheje gushidikanya no kutizera.

Uribuka inkuru ya Petero ubwo yavaga mu bwato maze akagenda hejuru y'amazi? (Matayo 14:24-32). Petero yavuye mu bwato kubera itegeko Yesu yari amuhaye ryo gukora ikintu atigeze akora mbere. Nta n'undi muntu n'umwe wari warigeze abikora uretse Yesu. Byasabaga kwizera! Ariko Petero yakoze ikosa, amara igihe kirekire areba umuyaga. Byatumye atinya. Gushidikanya no kutizera byaramwibije, maze atangira kurengerwa. Yatabaje Yesu ngo amukize, maze aramukiza. Ariko biragaragara ko umuyaga watuje Petero akimara gusubira mu bwato. Duhesha Imana icyubahiro iyo dukomeje gukora ikintu tuzi ko ari ukuri nubwo haba ari mu bihe bitatuma icyo kintu gikorwa. Abefeso 6:14 hatwigisha ko mu bihe by'intambara yo mu mwuka, tugomba gukenyera umukandara. Mu gihe umuyaga uhushye mu buzima bwawe, shikama, mu maso hawe hamere nk'ibuye kandi wiyemeze, mu mbaraga z'Umwuka Wera, kuguma hanzu y'ubwato! Akenshi umuyaga uhita utuza iyo ugamburuye ukisubirira ahantu hari umutekano. Satani azana imiyaga mu buzima bwawe kugira ngo agutere ubwoba. Mu gihe cy'intambara, uje wibuka ko urugamba rubera mu bitekerezo. Ntugafate ibyemezo bishingiye ku marangamutima cyangwa ibitekerezo byawe, ahubwo uje ugenzura umwuka wawe. Nubikora, uzabona iyerekwa nk'iryo wabonye mu ntangiriro. Kandi wibuke ko kutizera bijyana mu kutumvira. Uko biri kose, ingingo dushaka gusobanura ni uko kutizera, kimwe no gushidikanya, bizatubura gukora icyo Imana aduhamagariye ikanadusigira gukora mu buzima bwacu. Na none bitubura kubaho mu mahoro Imana ishaka ko tubamo iyo tubonye uburuhukiro bw'imitima yacu muri yo. (Matayo 11:28,29) Ntushobora kubona umunezero n'amahoro kubera ko utizera. Ntibishoboka ko wagira umunezero n'amahoro kandi ubaho mu kutizera. Wibuke ko dukurikije Yakobo 1:7,8, umuntu w'imitima ibiri anamuka mu nzira ze zose kandi ntivyigera ahabwa icyo asaba Imana. Fata icyemezo ko utazaba umuntu w'imitima ibiri ; wibaho mu gushidikanya! Imana yaguteganyirije ubuzima butangaje. Wikwemerera Satani kubukwiba akoresheje ibinyoma!

## 11. Imitekerereze yiganyira kandi irimo amaganya

Amaganya no guhagarika umutima byombi bitera imitekerereze yacu bigamije kutubuza gukorera Imana. Na none umwanzi akoresha ibyo bigeragezo kugira ngo amanure ukwizera kwacu, bityo ntigushobore kuzamuka ngo kudushoboze kubaho mu ntsinzi.

Abantu bamwe bafite ikibazo cyo kwiganyira ku buryo wavuga ko basabitswe no kwiganyira.

Iyo badafite ikintu cyabo bwite kibahangayikishije, bahangayikishwa n'iby'abandi.

Guhangayika ni igitero Satani agaba ku mitekerereze y'umuntu. Hari ibintu bimwe uwizera asabwa gukoreshamo ubwenge bwe, maze Satani agakora uko ashoboye ngo ntibyigere bikorwa. Bityo Satani agerageza kuduhoza mu bitekerezo bibi kugira ngo imitekerereze yacu itazigera ikoresheya ngo yuzuze inshingano Imana yayigeneye.

Muri Matayo 6:25-27 hatwigisha kutagira ikintu twiganyira mu buzima - habe na kimwe!

Ubuzima Imana yaduhaye burahebuje kuko burimo ibyo bintu byose, ariko iyo twiganyiriye ibyo bintu, turabibura ndetse tukabura n'ubuzima Imana yari yaratugeneye. Abafilipi 4 :6 n'undi murongo wa Bibiliya mwiza dukwiye kwibuka mu gihe "dutewe no kwiganyira". Ndasaba nkomeje ko twakwatuza akanwa Ijambo ry'Imana. Ni inkota y'amugi abiri igomba gukoreshwa mu kurwanya umwanzi (Abaheburayo 4:12 ; Abefeso 6:17). Inkota iri mu rwubati rwayo ntacyo izamara mu gihe cyo guterwa. Mwikoreze Uwitaka amaganya yanyu yose (1 Petero 5:6-7). Ijambo "kwikoreza" mu by'ukuri risobanura gutera cyangwa kujugunya. Wowe na nje dushobora gutera cyangwa kujugunya ibibazo byacu ku Mana kandi, umfate nk'umunyakuri rwose, Imana ishobora kubifata. Izi icyo yabikoresha. Iyi mirongo ya Bibiliya itumenyesha ko guca bugufi ari ukutiganyira. Umuntu wiganyira aba agitekereza ko hari uburyo ashobora gukemuramo ikibazo cye. Guhagarika umutima ni igihe ibitekerezo byiruka hirya no hino kugira ngo bibone igisubizo cy'ikibazo gihari. Umwirasi aba yiyuzuye we ubwe, naho umuntu uca bugufi

aba yuzuye Imana. Umwirasi ahagarika umutima ; umuntu uca bugufi arategereza. Imana yonyine ni Yo ishobora kudukiza, kandi ishaka ko tubimenya, ku buryo mu bibaho byose dukwiriye mbere na mbere kuyishingikirizaho no kwinjira mu buruhukiro bwayo.

## **12. Imitekerereze irimo guca imanza, kunegura n'urwikekwe.**

Ntimugacire abandi urubanza mu mitima yanyu kugira ngo namwe mutazarucirwa, (Matayo 7:1)

Imibabaro myinshi iza mu buzima bw'abantu kubera umutima wo gucirana imanza, kunegurana n'urwikekwe. Imibanire myinshi y'abantu isenywa n'aba banzi. Na none mu mitekerereze ni ho habera intambara.

## **13. Ubusobanuro bwo guca imanza**

Mu Nkoranya ya Vine y'amagambo yo mw'Isezerano rya Kera n'Irishya, rimwe mu magambo y'Ikigereki yahinduwe "uguca imanza" risobanurwa nk' "icyemezo gifatirwa amakosa y'abandi" kandi havuga ko iryo jambo rifitanye isano no "guciraho iteka" 1 Dukurikije iriya Nkoranya, rimwe mu magambo y'Ikigereki ryahinduwe "guca imanza" ryasobanuwe nko "gutanga igitekerezo" kandi ivuga ko iryo jambo rifitanye isano no "gutanga igihano".

Imana ni yo yonyine ifite uburenganzira bwo guca iteka cyangwa guhana, bityo rero iyo duciriye undi muntu urubanza, tuba, mu bundi buryo, twigize Imana mu buzima bwe. Gucirana imanza no kunegurana ni imbuto y'ikibazo kirushijeho gukomera - ubwirasi. Iyo "Inarinjye" [kamere] iri muri twe ari nini kurusha uko yari ikwiriye kuba iri, buri gihe izateza ibi bibazo turimo kuvugaho. Bibiliya ituburira kenshi ku by'imatekerereze yo kwishyira hejuru.

Igihe cyose duhebuje mu kintu runaka, nuko gusa Imana iba yarakiduhereye impano y'ubuntu. Iyo twishyira hejuru mu mitekerereze cyangwa tukaba twitekereza mu buryo bukabije, ibyo bidutera gusuzugura abandi, tukabafata nkaho bari "munsi" yacu. Iyi myifatire cyangwa iyi mitekerereze yangwa urunuka n'Uwiteka, kandi ikingurira umwanzi inzugi nyinshi mu buzima bwacu.

Matayo 7:1-6 ni bimwe mu Byanditswe Byera ku ngingo yo gucirirana imanza no kunegurarana. Ujye usoma ibi Byanditswe n'ibindi. Ujye ubisoma, maze hanyuma ubisome n'ijwi ryumvikana cyane, kandi ubikoreshe nk'intwaro zo kurwanya umwanzi ugerageza kubaka ibihome mu mitekerereze yawe.

Ntukibagirwe ibyo kubiba no gusarura. Kubiba no gusarura ntibikorwa mu by'ubuhinzi n'ubukungu gusa, ahubwo binakorwa mu rwego rw'imatekerereze. Dushobora kubiba no gusarura imyifatire, imbuto zo mu murima cyangwa igishoro. Inshuro nyinshi dusarura mu buzima bwacu ibyo twabibye mbere mu buzima bw'undi muntu.

(Urukundo) rubabarira byose, rwizera byose (ibyiza ku muntu wese). 1Abakorinto 13:7

Iyo imitekerereze yawe yarozwe, cyangwa iyo Satani yubatsemo ibihome, igomba guhindurwa mishya ikagendana n'Ijambo ry'Imana. Ibi bikorwa mu buryo bwo kwiga Ijambo ry'Imana no kurizirikana (kuritekerezaho no kuryuza).

Ibyiringiro no kwizera bizana umunezero mu buzima kandi bituma imibanire n'abandi itera imbere ku buryo bugaragara. Urwikekwe ruzana agatotsi mu mibanire ndetse akenshi rukayisenya. Imyifatire iri mu rugero ni yo myiza. Ibi ntibivuga ko tudakwiriye gukoresha ubwenge n'ubushishozi mu mibanire yacu n'abandi. Ntitugomba gukingukira umuntu wese duhuye, cyangwa guha uwo duhuye nawe wese uburyo bwo kudukandagira. Ariko na none, ntitugomba kurebana umuntu wese ijisho ribi, ry'urwikekwe, twibwira ko buri gihe abandi bashaka kutwungukamo. Iringire Imana mu buryo bwuzuye ariko wiringire umuntu wirinda.

#### **14. Imitekerereze y'ubunebwe**

Kudakora ni ikinyuranyo cyo gukora. Ni ikibazo cy'ingutu kubera ko Ijambo ry'Imana ryigisha ku buryo bugaragara ko tugomba kuba maso, kwirinda no gukora (1 Petero 5:8). Nasomye ubusobanuro bwinshi bw'ijambo "kudakora" none ndisobanura nko kutagira ibiyumviro mu mutima, kutifuza, kutita ku bintu, kuba akazuyazi no kunebwa. Imyuka mibi ni yo yihishe inyuma yo

kudakora. Satani azi ko kudakora, kudakoresha ubushake, bizanira uwizera gutsindwa burundu. Igihe cyose umuntu asatiriye Satani akoresheje ubushake bwe kugira ngo amurwanye, Satani ntazatsinda urugamba. Ariko niyigaramira, azahura n'akaga. Umwanya duha Satani uba akenshi ari umwanya urimo ubusa. Ubwenge burimo ubusa, budakora bushobora mu buryo bworoshye kuzuramo ibitekerezo bibi bitandukanye. Umwizera ufite ubwenge budakora kandi ntarwanye ibyo bitekerezo bibi akenshi abifata nk'ibitekerezo bye bwite. Ntamenya ko ari Satani wabiteye mu bwenge bwe kubera ko harimo umwanya urimo ubusa ugomba kuzuzwa.

Umwuka mubi akenshi uba ugaragiye ibitekerezo bibi. Umuntu ashobora kwirukana ibitekerezo inshuro nyinshi, ariko bikanga bikagaruka kugeza igihe amenye kuzuza ibitekerezo byiza mu mwanya urimo ubusa. Uzurisha ubwenge bwawe ibitekerezo byiza. Hariho ibyaha biterwa n'ibyo twakoze, n'ibyaha biterwa n'ibyo tutakoze. Mu yandi magambo, hari ibintu bibi dukora, hari n'ibintu byiza tudakora. Reka ntange urugero: umubano ushobora gusenywa no kuvuga amagambo y'ubugoryi, ariko ushobora no gusenywa no kutavuga amagambo meza yo gushima yagombaga kuvugwa ariko ntavugwe.

Kamere yo kudakora ishobora kuneshwa. Ariko intambwe ya mbere kugira ngo uneshe kudakora mu bikorwa ni ukunesha kudakora ko mu bitekerezo. Igikorwa cyiza gikurikira igitekerezo cyiza. Mu yandi magambo, ntuzahindura imyitwarire yawe igihe cyose utari wahindura ibitekerezo byawe. Muri gahunda y'Imana, habanza gutekereza kwiza maze hagakurikiraho igikorwa cyiza.

## **15. Gutekereza kwa Kristo**

...Nyamara twebwe dufite gutekereza kwa Kristo.  
1 Abakorinto 2:16

Niba dushaka kugera ikirenge mu cye, tugomba gutangira gutekereza nkuko yatekerezaga. Nk'abakristo, wowe na nnye dufite kamere nshya, mu by'ukuri ikaba ari kamere y'Imana yateretswe muri twe igihe twavukaga ubwa kabiri. Abaroma 8:6 havuga imitekerereze y'umubiri n'imatekerereze y'Umwuka, maze hakatubwira ko urupfu ruterwa no gukurikiza imitekerereze



y'umubiri, naho ubugingo bukazanwa no gukurikiza imitekerereze y'Umwuka.

Twatera imbere cyane dushoboye gusa kwiga kumenya ubuzima n'urupfu.

Niba ikintu kikubwiriza ibyo gupfa, ukireke. Niba ibitekerezo bimwe bikuzura urupfu, ujye uhita umenya ko atari imitekerereze y'Umwuka. Nk'urugero, tuvuge ko ndimo gutekereza ku buhemu undi muntu yankoreye bikambabaza, nuko ngatangira kurakara. Ntangira gutekereza ukuntu nanga uwo muntu. Iyo nshishoje, mbona ko ndimo kuzura urupfu. Ngenda ndushaho kubabara, kugira impagarara, guta umutwe - ndetse nshobora no kumererwa nabi mu mubiri. Kurwara umutwe, kubabara mu gifu, cyangwa umunaniro udasobanutse, byose bishobora guterwa no gutekereza nabi. Mu rundi ruhande, iyo ndimo gutekereza uburyo nahawe umugisha n'uburyo Imana yangiriyeye neza, nzabona ko ndimo kuzura ubuzima.

Bifasha cyane umwizera iyo yize kumenya ubuzima n'urupfu biri muri we. Yesu yakoze ku buryo dushobora kuzura ubuzima, abikoresheje gushyira gutekereza kwe muri twe. Dushobora guhitamo kugendera mu gutekereza kwa Kristo.

Ku mpapuro zikurikiyeho zo muri iki gice, turahasanga ibintu twakora ngo tugendere mu gutekereza kwa Kristo.

#### 1. Tekereza ibitekerezo byiza.

Ntawavuga ngo arangize imbaraga ziri mu kwibwira ibyiza. Imana yibwira ibyiza, kandi niba jye na we dushaka kugendana na Yo, tugomba kugenda umujyho umwe maze tugatangira gutekereza ibyiza. Simvuga ku bushobozi bwo kugenga imitekerereze, ahubwo ndavuga ku kuba umuntu utekereza ibyiza igihe cyose. Garagaza imirebere n'imyitwarire myiza. Gumana ibitekerezo byiza kandi witege ibyiza. Ujye uganira byiza.

Gutekereza kwa Kristo kuri muri twe ni kwiza; niyo mpamvu igihe cyose twibwiye ibibi, tuba tutakigendera mu gutekereza kwa Kristo. Abantu benshi bafite ikibazo cyo gucika intege kandi ntekereza ko umuntu adashobora gucika intege atibwiye ibibi -

keretse ari impamvu z'uburwayi. Ndetse n'iyobitewe n'uburwayi, kwibwira ibibi bizongera ikibazo n'ibimenyetso byacyo. Dukurikije Zaburi 3:3, Imana ni icyubahiro cyacu kandi ishyira hejuru imitwe yacu. Ishaka gushyira hejuru ikintu cyose : ibyiringiro byacu, imyifatire yacu, amarangamutima yacu, umutwe wacu, ibiganza byacu, n'umutima wacu - ubuzima bwacu bwose. Ni Imana Idushyira hejuru!

Imana irashaka kudushyira hejuru, naho Satani arashaka kudutsindagira hasi. Satani akoresha ibihe bibi by'ubuzima bwacu ngo aduce intege. Duhora dufite uburyo bwo gutekereza ibitekerezo bibi, ariko icyo bikora ni ukurushaho kudutsindagira hasi gusa. Gutekereza nabi ntikuzakemura ibibazo byacu, ahubwo kuzabyongera.

Uburyo bwo kuneshya

1. Menya imiterere n'impamvu y'ikibazo. (Zab 143:3)
2. Emera ko gucika intege byiba ubuzima n'umucyo. (Zab 143:3)
3. Ibuka iminsi myiza. (Zab 143:5)
4. Himbaza Imana ukiri mu kibazo. (Zab 143:6)
5. Saba Imana igufashe. (Zab 143:7)
6. Tega Imana amatwi. (Zab 143:8)
7. Sengera kubohorwa. (Zab 143:9)
8. Shaka ubwenge, ubumenyi n'ubuyobozi buvuye ku Mana. (Zab 143:10)

Ahari umunyezaburi arerekana ko yavuye mu bushake bw'Imana bityo agakingurira urugi Satani agatera umutima we. Arashaka gusubira mu bushake bw'Imana kuko noneho yamenye ko ariho honyine hari umutekano.

2. Erekeza imitekerereze yawe ku Imana.

Gutekereza ku Mana, n'inzira zayo n'imirimu yayo bigomba guhora

mu bitekerezo byawe niba ushaka kunesha. Kubana n’Imana mu gitondo kare ni uburyo bumwe bwo gutangira kunezerwa ubuzima. Nta kintu kitwegereye kurusha ibitekerezo byacu. Bityo rero, nitwuzuzira Imana mu bitekerezo byacu, bizatuma tuyisobanukirwa neza maze dutangire umubano na Yo uzatuzanira umunezero, amahoro no kunesha mu buzima bwacu bwa buri muni. Ihorana natwe nkuko yabisezeranye (Mat 28:20 ; Heb 13:5). Ariko ntituzigera tumenya ko Imana ihari keretse nituyitekerezaho. Ihorana natwe, ariko tugomba kuyitekerezaho kugira ngo tumenye ko ihari.

### 3. Gira imitekerereze ivuga ngo "Imana irankunda".

Niba tudatekereza ku rukundo idufitiye, ntituzarubona. Iga Ibyanditswe Byera ku rukundo rw’Imana, bizirikane kandi ubyatuze akanwa kawe. Igihe cyose uzabikora, uzagenda urushaho guhishurirwa mu buzima bwawe urukundo Imana igukunda ntacyo iguciye.

Zirikana ko uri umukiranutsi, aho kuzirikana ko uri umunyabyaha

"Utigeze kumenya icyaha Imana yamuhinduye kuba icyaha ku bwacu, kugira ngo muri we duhinduke gukiranuka kw’Imana". 2 Abakorinto 5 : 21

Abizera benshi bari mu mibabaro batewe no kwitekerezaho nabi - ibitekerezo by’uko bagomba kuba bababaza Imana kubera intege nke zabo no kuneshwa kwabo. Igihe nta wirega ndetse wicira urubanza kingana iki? igihe cyose igitekerezo kibi cyo kwicira urubanza kikujemo, ujye wiyibutsa ko Imana igukunda, ko wahinduwe gukiranuka kw’Imana muri Kristo. Cyaha Satani ukuzanaho kwicira urubanza maze utangire gutera intambwe imbere utekereza ibitekerezo byiza.

### 4. Gira imitekerereze yo guhugura. (Abaroma 12:8)

Umuntu ufite gutekereza kwa Kristo atekereza ibitekerezo byiza, bizamura, bikomeza, haba ku bandi cyangwa kuri we n’ibihe arimo. Ntuzigera ukomerasha umuntu amagambo yawe nutabanza kugira ibitekerezo byiza kuri we. Ibuka ko ikintu cyose kiri mu mutima wawe kizasesekara ku munwa. Gira "imatekerereze y’urukundo"

wabigambiriye. Ohereza ibitekerezo by'urukundo ku bandi bantu. Babwire amagambo yo kubakomeza.

Tangira gutekereza ibitekerezo byiza ku bantu hanyuma uzabona barushijeho kwitwara neza. Ibitekerezo ni amagambo, ni ibikoresho cyangwa intwara zifite imbaraga zirema cyangwa zisenya. Bishobora gukoreshwa mu kurwanya Satani n'imirimu ye cyangwa mu gufasha Satani gusohozwa umugambi wo kukurimbura.

5. Teza imbere imitekereze yo gushima. (Zaburi 100 :4)

Umuntu ubaho mu gutekereza kwa Kristo azasanga ibitekerezo bye byuzuye ishimwe no guhimbaza. Inzugi nyinshi zikingurirwa umwanzi binyuze mu kwitotomba. Abantu bamwe barwaye mu mu mubiri kandi ubuzima bwabo nta ntege, nta n'imbaraga bufite bitewe n'iyi ndwara yitwa kwitotomba itera ibitekerezo n'ibiganiro by'abantu.

Ntiwabaho ubuzima bufite imbaraga udashima. Bibiliya itwigisha kenshi ihame ryo gushima. Kwitotomba mu bitekerezo cyangwa mu magambo ni ihame ry'urupfu, ariko kugira ibitekerezo byo gushima ukanabivuga ni ihame ry'ubuzima. Muhore mushima ibihe byose. "Nuko tujye dutambira Imana iteka igitambo cy'ishimwe, tubiheshejwe na Yesu, ari cyo mbuto z'iminwa ihimbaza izina ryayo". Abaheburayo 13:15. Satani ntashobora kudutegeka mu gihe duhora twishimye kandi dushima, uko ibihe turimo byaba bimeze kose. Birumvikana ko ubuzima nk'ubu busaba rimwe na rimwe igitambo cyo guhimbaza cyangwa cy'ishimwe ariko nahitamo gutambira Imana ishimwe ryanjye aho gutambira Satani umunezero wanjye. Nize (mu nzira iruhije) ko icyo nitotombye nkanga gushima, nyuma ntakaza umunezero wanjye. Mu yandi magambo, umunezero wanjye uzaneshwa n'umwuka wo kwitotomba.

Muri Zaburi 34:1, umunyezaburi aravuga ngo "nzahimbaza Uwiteka imisni yose, ishimwe rye rizaba mu kanwa kanjye iteka." Twabera dute umugisha Uwiteka? turetse ishimwe rye rigahora mu bitekerezo byacu n'iminwa yacu. Ba umuntu ushima - Umuntu wuzuye gushima Imana ndetse n'abantu.

## 6. Gira imitekerereze yo mu Ijambo ry’Imana

"Ndetse ntumufite n’Ijambo rye riguma muri mwe, kuko uwo yatumye mutamwizeye." (Yohana 5:38) Ijambo ry’Imana ni ibitekerezo byayo byanditswe ku mpapuro kugira ngo tubyige kandi tubyiteho. Ijambo ryayo rigaragaza uburyo itekereza ku bihano byose no kuri buri ngingo.

Abantu bashaka kwizera no kubaho mu byiza bizanwa no kwizera bagomba kwemera Ijambo ry’Imana rikaba ubutumwa buzima mu mitima yabo. Ibi bigerwaho mu nzira yo kuzirikana Ijambo ry’Imana. Ubu ni bwo buryo ibitekerezo byayo bishobora guhinduka ibitekerezo byacu - ni yo nzira yonyine yo guteza imbere gutekereza kwa Kristo muri twe. Bibiliya muri Yohana 1 :14 ivuga ko Yesu ari Jambo wigize umuntu. Ibyo ntibyari gushoboka iyo imitekerereze ye ituzura Ijambo ry’Imana buri gihe. Kubahamagarira kwita na none ku Bafilipi 4:8 ni uburyo bwiza bwo gusozza iki gice cy’igitabo : "... iby’ukuri byose, ibyo kubahwa byose, iby’igikundiro byose, n’ibishimwa byose, nihaba hariho ingeso nziza kandi hakabaho ishimwe, abe ari byo mwibwira." Ibi byanditswe bisobanura uko imitekerereze yawe yagombye kuba iteye. Ufite gutekereza kwa Kristo, tangira ugukoreshe. Niba kristo atekereza atya, nawe ntukwiye gutekereza utyo. Ni muri ubu buryo bwo gukomeza "kubera maso" ibitekerezo byawe uzatangira gufata mpiri buri gitekerezo ukakigomorerwa Kristo

(2 Abakorinto 10:5) Umwuka Wera yihutira kukwibutsa mu gihe imitekerereze yawe itangiye kukujiyana mu nzira mbi, nuko ukaba ari wowe ufata icyemezo. Uzakurikiza imitekerereze y’umubiri cyangwa imitekerereze y’Umwuka? imwe ijyana mu rupfu, indi ikajyana mu buzima. Guhitamo ni ukwawe. Hitamo ubuzima!

**Igice cya**

**III**

**Imitekerereze y'ubutayu**

---

---

## Igice cya III: Imitekerereze y'ubutayu

---

### Intangiriro

Ubwoko bwa Isirayeli bwazerereye mu butayu imyaka mirongo ine kandi mu by'ukuri bwaragombaga gukora urugendo rw'iminsi cumi n'umwe. Kuki? Ese byatewe n'abanzi babo, cyangwa ibihe banyuzemo, cyangwa ibigeragezo bahuye na byo mu nzira, cyangwa se hari ikindi kintu cyababujije kugera aho bagombaga kujya? Ubwo nabitekerezagaho, Imana yampaye ihishurirwa rikomeye ryamfashije ku giti cyanjye rifasha n'abandi bantu ibihumbi n'ibihumbi. Imana yarambwiye ngo: "Abana ba Isirayeli bamaze imyaka morongo ine mu butayu kandi baragombaga gukora urugendo rw'iminsi cumi n'umwe kubera ko bari bafite imitekerereze yo mu butayu".

Igihe mumaze hano kirahagije.

"Uwiteka Imana yacu yatubwiriye i Horebu iti: 'igihe mumaze kuri uyu musozi kirahagije'" Guteka 1:6. Ntitwagombye mu by'ukuri kureba ku Bisirayeli ngo bidutangaze cyane kuko benshi muri twe bakora nk'ibyo bakoze. Duhora tuzenguruka imisozi imwe aho gukomeza urugendo. Ingaruka yabyo ni uko bidufata imyaka myinshi kugira ngo tuneshe ikintu cyashoboraga kandi cyari gikwiye kuneshwa vuba. Imana yanyeretse imitekerereze y'ubutayu icumi Abisirayeli bari bafite maze ikabagumisha mu butayu. Imitekerereze y'ubutayu ni ugutekereza kubi.

### **16. "Uko nzabaho biterwa n'uko nabayeho n'uko ndiho" Imitekerereze yo mu butayu numero ya 1.**

Abisirayeli ntibari bafite intumbero nziza y'ubuzima bwabo - nta nzozi. Bari bazi aho bavuye ariko ntibari bazi aho bajyaga. Ikintu cyose cyari gishingiye ku byo babonye n'ibyo bashobora kubona. Ntibari bazi uburyo bwo kurebesha "ijisho ryo kwizera". Ushobora kuba warabayeho mu buzima buteye agahinda, ndetse na n'ubu ushobora kuba uri mu bihe bibi kandi biguhangayikishije. Ushobora kuba uhanganye n'ibihe bibi ku buryo bisa nkaho nta mpamvu ufite yo kugira ibyiringiro. Ariko ndakubwira nshize amanga ko uko uzaba

bidaterwa n'uko wabayeho cyangwa n'uko uriho. Gira imitekerereze mishya. Izere ko byose bishobokera Imana (Luka 18:27); ku muntu, hari ibintu bidashoboka, ariko dukorera Imana yaremye mu busa ibintu byose tureba (Abaheburayo 11:3). Yihereze ubusa bwawe maze urebe uko ikora. icyo ikeneye cyonyine ni ukwizera kwawe muri yo. Ikeneye ko uyizera, hanyuma igakora ibisigaye. Ntidushobora kubona ibintu uko bikwiye turesheje amaso yacu y'umubiri. Tugomba kugira "amaso y'umwuka" ngo turebe n'amatwi y'umwuka ngo twumve. Dukeneye kumva icyo Umwuka avuga, n'icyo isi ivuga. Reka Imana ivuge ku mibereho yawe y'igihe kiri imbere - nti hagire undi wemerera!

Abisirayeli bakomezaga kureba ku bintu no kubivugaho uko byari biri. Imana yabakuye mu Egiputa ikoresheje ukuboko kwa Mose, kandi ibabwira inyuze muri we iby'igihugu cyasezeranjwe. Yashakaga ko bahanga amaso aho bajyaga - kandi bakayakura aho bari baturutse. Ndagutera umwete wo kureba mu buryo bwiza ku bintu bishoboka byo mu gihe kizaza maze utangire "kwita ibitariho nkaho biriho" Abaroma 4:17. Tekereza kandi uvuge mu buryo bwiza ku mibereho yawe iri imbere, ukurikije ibyo Imana yashyize mu mutima wawe, udakurikije ibyo wabonye mu gihe cyashize cyangwa ibyo urimo kubona muri iki gihe.

### **17. Hagire undi ubinkorera, sinshaka gufata iyi nshingano Imitekerereze yo mu butayu numero ya 2.**

Tera ajyana Aburamu umwana we na Loti mwene Harani umwuzukuru we na Sarayi umukazana we, umugore wa Aburamu umuhungu we, bava muri Uri y'Abakaludaya barajyana, bavanwayo no kujya mu gihugu cy'i Kanani, bagera i Harani barahatura" (Itangiririro 11:31).

Inshingano isobanurwa kenshi nk'imyitwarire yacu imbere y'ubushobozi bw'Imana. Kuzuza inshingano ni ukugira icyo ukora mu gihe hari uburyo butandukanye Imana yagushyize imbere.

Imana yahaye se w'Aburamu inshingano, uburyo bwo kugira icyo akora akurikije ubushobozi bw'Imana. Yamushyize imbere uburyo bwo kujya i Kanani. Ariko aho gukomeza inzira yose hamwe



n’Imana, yahisemo guhagarara no gutura i Harani. Biroroshye kwitera hejuru iyo Imana ituvugishije bwa mbere maze ikaduha uburyo bwo kugira icyo dukora. Ariko nk’uko byagendekeye Tera, akenshi ntiturangiza ibyo twatangiye kubera ko tubigeramo tugasanga harimo ibindi birenze amarangamutima no kwitera hejuru.

Abizera benshi bakora ibyo Bibiliya ivuga ko Tera yakoze. Batangira bagana ahantu runaka, ariko bakaguma ahandi bakiri mu nzira. Barananirwa cyangwa bagacika intege, baba bifuza kurangiza urugendo rwabo ariko ntibemere fugata inshingano zose rusaba. Hagize undi muntu ubibakorera, bakwishimira gusarura ishema, ariko si ko bigenda.

Inshingano yacu bwite ntishobora guhabwa undi "...kuko abatowe ari benshi ariko abatoranijwe bakaba bake..." (Matayo 22:14). Nigeze kumva umwigisha wa Bibiliya avugako uyu murungo usobanura ko beshi bahamagawe cyangwa bahawe uburyo bwo kugira icyo bakorera Imana, ariko bake cyane ni bo bemera inshingano yo kwitabira uwo muhamagararo. Abantu bafite "imitekerereze y’ubutayu" bifuza kugira ibintu byose ariko ntihagire icyo bakora.

Matayo 25 handitse umugani Yesu yaciye avuga ku bagaragu batatu bahawe italanto za shebuja, maze shebuja ajya mu gihgu cya kure yizeye ko abagaragu be bazafata neza umutungo we mu gihe azaba adahari. Umuntu wahawe italanto eshanu yarazikoresheje. Yarazishoye maze yunguka izindi eshanu. Uwahawe italanto ebyiri nawe yabigenje atyo. Ariko uwahaweitalanto imwe yayipfuriye mu butaka kubera ko yari afite ubwoba. Yatinyaga gutera intambwe ngo agire icyo akora. Yari afite ubwoba bwo gufata inshingano. Shebuja agarutse, yashimye ba bagaragu babiri bafashe icyo babahaye bakagira icyo bagikoresha. Ariko wa muntu wapfuriye italanto ye ntagire icyo ayikoresha, shebuja yaramubwiye ngo: "Wa mugaragu mubi we, wa munyabute we". Noneho ateguka ko bamwambura ya talanto imwe bakayihya ufite italanto icumi, hanyuma wa mugaragu w’umunabwewe, w’umunyabute agahanwa bikomeye.

Ndagushishikariza gukoresha ubushobozi Imana yagushyizemo, ubukoresha ibyo ushoboye byose, ku buryo shobujya naza utazamuha

ibyo yaguhaye gusa, ahubwo uzamuha ibirenze. "Muyikoreze amaganya yanyu yose, kuko yita kuri mwe" (1Petero 5:7). Ntugatinye inshingano. Wige kujugunya amaganya yawe, wijugunya inshingano zawe. Abantu bamwe biga kutagira icyo biganyira noneho bagahinduka inzobere mu "kujugunya amaganya ya bo" bakabinezererwa kugera n'aho bajugunya inshingano zabo.

Gira umwete wo gukora ibiri imbere yawe aho kubihunga kubera ko bisa n'aho bigoye. Buri gihe ujye wika ko niba Imana iguha icyo iyisabye cyose, hari inshingano ijyana n'uwo mugisha. Niba ufite inzu cyangwa imodoka, Imana igutegerezaho ko uyitaho. Abadayimoni b'ubunembwe bashobora gutera imitekerereze yawe n'amarangamutima yawe, ariko ufite gutekereza kwa Kristo. Ushobora gutahura ikinyoma cya Satani maze ukarenga amarangamutima yawe ugakora igikwiye. Gusaba ikintu biroroshye... kuzuzwa inshingano tugifiteho ni byo biteza imbere imiterere yacu.

### **18. Mworoshye ibintu; ntacyo nakora niba ibintu bikomeye cyane! Imitekerereze yo mu butayu numero ya 3.**

Ibintu bikomera iyo tugerageje kubikora twenyine tutisunze ubuntu bw'Imana. Iyo ibintu byose byo mu buzima biba byoroshye, nta n'ubwo twari gukenere imbaraga z'Umwuka Wera zo kudufasha. Bibliya imuvuga nk'« umufasha » uri muri twe kandi ubana na twe igihe cyose ngo adufashe, adushoboze gukora ibyo tutashobora, ndetse twakongeraho ko adushoboza gukora mu buryo bworoshye ibyari kudukomerera adahari. Ushobora kwizera udashidikanya ko aho Imana ikujyanye hose, ishobora kukurinda. Ntiyiza yemera ko tugerwaho n'ibiruta ibyo dushobora kwihanganira (1Abakorinto 10 :13). Icyo iguze cyose irakiriha. Si ngombwa ko tubaho mu ntambara idashira iyo twize kwisunga Imana ngo iduhe imbaraga dukomeye. Niba uzi ko Imana yagusabye gukora ikintu, ntugasubire inyuma ubitewe gusa nuko icyo kintu kigeze aho bikomeye. Niba ibintu bitangiye gukomera, ongera igihe cyo kubana na Yo. Yishingikirizeho kurushaho kandi wakire kurushaho ubuntu bwayo (Abaheburayo 4:16). Ubuntu ni imbaraga z'Imana zikuzaho nta kiguzi, zigakorera muri wowe ibyo utashobora gukora wowe ubwawe. Wirinde ibitekerezo bivugako ngo: "Sinashobora gukora ibingibi, birakomeye cyane." Rimwe na rimwe Imana itunyuzwa mu nzira

ikomeye aho kutunyuzwa mu nzira yoroshye kuko iba irimo gukora umurimo muri twe. Tuziga dute kuyishingikirizaho niba ibintu byose byo mu buzima bwacu byoroshye ku buryo twabyishobozwa?

Abantu benshi bibwira ko kwinjira mu gihugu cy'isezerano bivugaga kutongera guhura n'intambara, ariko ibyo si ukuri. Nusoma inkuru z'ibyabaye ku Bisirayeli bamaze kwambuka uruzi rwa Yorodani bakajya guhindura igihugu cy'isezerano, uzabona ko barwanye intambara zikurikiranye. Ariko batsinze iza ntambara zose mu mbaraga z'Imana no muni y'ubuyobozi bwayo. Mu gihe umuntu anyura mu bihe bikomeye, imitekerereze ye ishaka kugamburura. Satani azi ko niba ashoboye kutuneshereza mu bitekerezo, ashobora no kudutsinda mu mibereho yacu. Ni yo mpamvu ari ngombwa cyane ko tudacika intege, ngo tunanirwe maze tugwe mu ntege nke. "Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga" (Abafilipi 4:13). Gutekereza neza biduha "intwari" z'intambara. Ku jya mu ntambara imitekerereze mibi ni nko kujya mu b'imbere ku rugamba nta ntware ufite. Nitugira dutyo, nituzamara kabiri.

Abisirayeli bakundaga kwitotomba, ikaba ari imwe mu mpamvu zatumye bazerera imyaka mirongo ine aho bagombaga gukora urugendo rw'iminsi cumi n'umwe. Bitotomberaga ingorane yose kandi bakivovotera ikibazo cyose gishya - buri gihe bakavugaga uburyo ibintu byose bikomeye. Imitekerereze yabo yari iyi: "Mworoshye ibintu, ntacyo nakora niba ibintu bikomeye cyane!" Niba ukunda kwitotomba, cyangwa kwivovota, gira imitekerereze ivuga ngo: "Nshobozwa byose na Kristo umpa imbaraga" Abafilipi 4:13).

#### **19. Ntacyo nabikoraho. Nasabitswe no kwivovota, kubona amakosa ku bandi no kwitotomba. Imitekerereze yo mu butayu numero ya 4.**

"Kuko igishimwa ari uko umuntu wese yakwihanganira imibabaro bamuhoye ubusa, azize umutima utunganiye Imana (1 Petero 2:19,20). Mu gihe tutari twamenya guhesha Imana icyubahiro mu buryo twitwara mu bihe bikomeye, nituzabohoka. Kubabara si byo bihesha Imana icyubahiro, ahubwo ni umutima utunganiye Imana mu gihe cy'Imibabaro, unezeza Imana ukanayihesha icyubahiro. Byamfashe imyaka mbere y'uko menya ko ingingo y'ibanze yo muri

iyo mirongo ya 1 Petero atari ukubabara ahubwo ari imyifatire umuntu akwiriye kugira mu gihe cy'imibabaro. Murebe ijambo "Kwihangana" rikoreshwa muri icyo gice kivuga ko iyo umuntu atugiriye nabi tukabyihanganira, binezeza Imana. Ikinezeza Imana ni umutima wo kwihangana, si ukubabazwa kwacu. Mu kutwihanganisha mu mibabaro yacu, turashishikarizwa kureba uko Yesu yitwaye ubwo bamubabazaga bamurenganya. Murebe kuri Yesu nk'ikitegererezo cyacu. Yesu yababaye mu cyubahiro! yagumye uko ari mu bihe byose, acecetse, atitotomba, yiringiye Imana uko byamera kose. Ntabwo yasubizanyije kwihangana mu gihe ibintu byari byoroshye, ngo noneho asubizanye kutihangana mu gihe ibintu byari bikomeye kandi arenganywa.

"Ntimukivovote, nk'uko bamwe bo muri bo bivovose bakicwa n'umurimbu" (1Abakorinto 10:10 [Kubara 16:41,49] Kwivovota kw'abisirayeli kwakinguriye umwanzu umuryango, maze arinjira arabarimbura. Wowe na nje ntujya twivovota mu magambo tutabanjye kwivovota mu bitekerezo byacu. Kwivovota rero ni imitekerereze y'ubutayu izatubuzwa kwambuka ngo tujye mu gihugu cy'isezerano.

Yesu ni icyitegererezo cyacu, kandi twagombye gukora ibyo yakoze. Abisirayeli barivovose maze baguma mu butayu. Yesu yarahimbaje maze azurwa mu bapfuye. Ibi bishobora kutwerekana imbaraga zo guhimbaza no gushima, kandi bikatwerekana imbaraga zo kwivovota. Ni byo kwivovota, kwitotomba, no kunegurana bifite imbaraga - ariko ni imbaraga mbi. Igihe cyose twemereye ibitekerezo byacu n'amagambo yacu gutegekwa n'izo mbaraga, tuba duhaye Satani ubutware kuri twe Imana itigeze imuha. Kwitotomba, kunegurana no kwivovota akenshi bibaho ari uko hari ikintu cyangwa umuntu utitwaye uko twabishakaga, cyangwa se iyo tugomba gutegereza ikintu igihe kirenze icyo twateganyaga. Imana yabwiye Abisirayeli mu gutegeka kwa Kabiri 1:6 ngo: "igihe mumaze kuri uyu musozi kirahagije". Ahari nawe wazengurutse umusozi nk'uwo inshuro nyinshi none witeguye gukomeza. Niba ari uko biri, byaba byiza wibutse ko utazajya imbere mu buryo bwiza igihe cyose ibitekerezo byawe n'ibiganiro byawe byuzuyemo kwivovota. Sinavuze ko byoroshye kwitotomba, ariko ufite gutekereza kwa Kristo. Kuki utagukoresha uko bishoboka kose.

## 20. "Wituma ntegereza - ndabishaka nonaha" Imitekerereze yo mu butayu numero ya 5.

Nuko benedata, mwihangane mugeze aho Umwami Yesu azazira. Dore umuhinzi ategereza imyaka y'ubutaka y'igicro, ayirindira yihanganye kugeza aho azabonera imvura y'umuhindo n'iy'itumba (Yakobo 5:7). Kutihangana ni imbuto y'ubwibone. Umuntu w'umwibone ntashobora gutegerezanya ikintu umutima ukwiriye. Nkuko twabivuze mu gice kibanziriza iki, kwihangana si ubushobozi bwo gutegereza, ahubwo ni ubushobozi bwo kugumana umutima mwiza mu gihe utegereje. Ubwibone bubuza gutegereza wihanganye kubera ko umuntu w'umwibone yiyemera cyane ku buryo yumva atagomba gutambamirwa na gato. Umuntu wiyoroshya ntajya agaragaza kutihangana.

Ubundi buryo Satani akoresha imitekerereze yacu ngo atume tugira imyifatire yo kutihangana ni mu gutekereza ku byiza bidashobora kugerwaho aho gutekereza ku bishobora kugerwaho. Iyo tugize igitekerezo mu mitwe yacu cyuko ibitureba byose, ibyo duhura na byo byose bigomba kutagira amakemwa - nta ngorane, nta nzitizi, nta bantu babi babyivangamo - icyo gihe tuba twishyize hejuru ngo hanyuma tugwe. Cyangwa se, mu by'ukuri, navuga ko Satani adushyira hejuru kugira ngo tugwe akoresheje gutekereza kubi. Ibintu bike cyane mu buzima busanzwe ni byo bidafite amakemwa.

"Benedata, mwemere ko ari iby'ibyishimo rwose nimugubwa gitumo n'ibibagerageza bitari bimwe, mumenye yuko kugeragezwa ko kwizera kwanyu gutera kwihangana". (Yakobo 1:2,3)

Kwihangana ni imbuto y'Umwuka (Abagalatiya 5:22) yateretswe mu mwuka w'umuntu wese wavutse ubwa kabiri. Kuba abantu b'Imana berekana cyangwa bagaragaza kwihangana ni ngombwa cyane ku Mana. Satani ntashobora gutegeka umuntu wihangana. Yakobo igice cya 1 na we atwigisha ko tugomba kwishima mu gihe turi mu bihe bikomeye, tuzi neza ko uburyo Imana ikoresha kugira ngo iduteremo kwihangana ari "ibitugerageza bitari bimwe".

Nabonye mu buzima bwanjye ko "ibigeragezo bitari bimwe" byagiye hanyuma binshyiramo kwihangana, ariko byabanzaga

gushyira hanze ibindi bintu byinshi byari muri jye bitubahisha Imana: ibintu nk'ubwibone, umujinya, kwivumbura, kwigiririra impuhwe, kwivovota, n'ibindi byinshi bisa nkaho tugomba guhangana no gukemura ibyo bintu bindi mbere yuko ukwihangana kuza. Niba mubyibuka, kutihangana kwari kimwe mu mitekerereze y'ubutayu yatumye AbIsirayeli bagumya kuzerera mu butayu imyaka mirongo ine.

Ndagushishikariza rwose gukorana n'Umwuka Wera mu gihe akuza imbuto yo kwihangana muri wowe. Uko urushaho kutumvira Umwuka, ni ko bifata igihe kirekire. Wige kwihangana mu bigeragezo by'uburyo bwose, bityo uzisanga ubaho mu buryo butari ubwo kwihanganira ubuzima gusa ahubwo mu buryo bwo kubunezererwa byuzuye.

Tugomba kwiga ko mu mibereho y'uwuka, inzira y'ubusamo atari yo ntera ngufi hagati yacu n'aho dushaka kujya. Ishobora ahubwo kuba inzira ngufi itujyana kurimbuka! Tugomba kwiga kwihangana no gutegereza Imana, nubwo byasa n'aho itunyuzura mu nzira igoronzoye kugira ngo tugere aho tujya. Hariho abakristo benshi mu isi batishimye, batanyuzwe, kubera ko gusa bagerageza kwikorera ibintu aho gutegereza bihanganye ngo Imana ikore ibyo bintu mu gihe cyayo no mu buryo bwayo.

Niba dushaka ko amasezerano y'Imana asohorera mu buzima bwacu, tugomba kwiga kwicisha bugufi muni y'ukuboko kwayo gukomeye. Nimenya ko igihe gisohoye, izatuzamure kandi idushyire hejuru.

Tugomba buri gihe kwihutira kumvira tugakora ibyo Imana itubwiye gukora, ariko tugomba no gutinya ubwibone bwo mu mubiri. Wibuke : ubwibone ni bwo muzi wo kutihangana. Umuntu w'umwibone aravugaga ati: "Wituma ntegereza icyo ari cyo cyose. Nkeneye buri kintu nonaha." Niba ugeragejwe no kugira ipfunwe, no kutihangana, ndakugira inama yo gutangira kuvuga ngo: "Mwami, ndifuza ubushake bwawe mu gihe cyawe. Sinshaka kugutanga imbere, nta nubwo nshaka kukuza inyuma. Mfasha Data kugutegereza nihanganye!"

## **21. Imyifatire yanjye iragayitse, ariko ikosa si iryanjye Imitekerereze yo mu butayu numero ya 6**

Kutagira ubushake bwo kwemera uruhare rw'umuntu mu bikorwa bye, kwitirira abandi ibintu bibi cyangwa bitagenda neza, ni yo mpamvu y'ingenzi yo kugira imibereho y'ubutayu. Nk'uko mubyibuka, abisirayeli bitotombaga bavuga ko ibibazo byabo byose bikomoka ku makosa y'Imana na Mose. Birengagizaga uruhare rwabo mu cyatumye baguma mu butayu igihe kirekire.

Imana ibangukira kutubabarira iyo twihanganye by'ukuri, ariko ntidushobora kwihana by'ukuri tutemeye ukuri ku byo twakoze. Kwemera ko twakoze ikintu kibi ariko noneho tukagitangira impamvu, na byo si uburyo bw'Imana bwo kwemera ukuri. Muri kamere yacu dushaka kwikuraho amakosa, ariko Bibiliya ivuga ko gutsindishirizwa kwacu kubonekera muri Yesu Kristo wenyine (Abaroma 3:20-24). Wowe na njye twunzwe n'Imana nyuma yo gucumura tubiheshejwe n'amaraso ya Yesu - Si impamvu dutanga. Satani ashaka ko ibintu biguma mu rwiwaho ariko Umwuka Wera ashaka kubishyira ku mugaragaro no kugira icyo abikoraho, bityo wowe na njye tukabohoka by'ukuri. Yesu yavuze ko ari ukuri kuzatubatura (Yohana 8:32). Uko kuri gushurwa n'Umwuka w'Ukuri.

Imiterere cyangwa imyifatire yawe mibi ishobora kuba yaratewe n'umuntu cyangwa ikintu cyakubabaje mu gihe cyatambutse, ariko wikwemerera icyo kintu kuba impamvu yo kuguma utyo. Saba Imana itangire kukwereka ukuri kuri wowe. Nubikora, urindire aho! ntibizoroha, ariko wibuke ko Imana yasezeranye ngo: " Sinzagusig na hato, kandi ntabwo nzaguhana na hato." (Abaheburayo 13:5).

## **22. Ubuzima bwanjye burababaje, numva nibabariye kubera ko ubuzima bwanjye buteye agahinda. Imiterereze yo mu butayu numero ya 7**

Ku munota umuntu atubabarijeho, mu gihe umuntu aduhemukiye, Satani ahita yohereza umudayimoni wo kutwongerera ibinyoma by'uburyo badukoreye ubugome n'uburyo twarenganyijwe. Icyo ukwiriye gukora ni ukumva ibitekerezo byisuka mu mutwe wawe mu bihe nk'ibyo, hanyuma ugahita ubona vuba uburyo umwanzi akoresha ukwigirira impuhwe ngo aduheze mu buretwa.

Nyamara Bibiliya nta burenganzira iduha bwo kwigirira impuhwe. Ahubwo tugomba kwihanganishanya no gukomezanya. Hariho impamvu nyayo y'imbabazi, ariyo yo kugirira impuhwe abandi bari mu kababaro, no kubaho ugabanya ububabare bwabo. Ariko kwigirira impuhwe birabangamye, kuko ari ugufata ikintu Imana yageneye guha abandi maze tukacyiyerekezaho. Kwigirira impuhwe ni ukuramya ibigirwamana - kwiyerekeraho, kwihugiraho no kwita ku marangamutima yacu, ku byo dukeneye no kubitireba - kandi ubwo ni uburyo bwo kubaho mu bitekerezo bigufi. "Umuntu wese muri mwe areke kwizirikana ubwe gusa, ahubwo azirikane n'abandi" (Abafilipi 2:4).

Biratangaje kubona uburyo byoroshye kubaho tutigirira impuhwe iyo turebye ku bandi bantu aho kwirebaho ubwacu gusa. Kwigirira impuhwe bishyigikirwa no kwitekerezaho gusa, ntihagire undi dutekerezaho. Rimwe na rimwe twirushya dushaka uburyo abandi batugirira impuhwe. Ni byo, kwigirira impuhwe ni umutego ukomeye kandi ni kimwe mu bikoresho Satani akoresha ngo aduheze mu butayu. Tutabaye maso, dushobora gutwarwa no kwigirira impuhwe. Umara igihe kingana iki wigirira impuhwe? Witwara ute iyo ibintu bikugendekeye uko utari ubyiteze? Umukristo aba agize amahirwe adasanzwe iyo ibintu bimugendekeye uko atari abyiteze - icyo gihe ashobora guhabwa undi mwanya. Hamwe n'Imana, buri gihe biba bishoboka gutangira bundi bushya. Ariko kwigirira imbabazi bitugumisha mu mutego w'ibyahise.

### **23. "Sinkwiriye imigisha y'Imana kubera ko ntakwiriye" Imitekerereze yo mu butayu numero ya 8.**

Uwiteka abwira Yosua ati: "None mbakuyeho igisuzuguriro, abanyegiputa babasuzuguraga. Ni cyo gituma aho hantu hitwa Gilugali na bugingo n'ubu" (Yosua 5:9). Twavuze ko ubuntu ari imbaraga z'Imana zituzaho, nk'impano y'ubuntu, kugira ngo zidufashe gukora mu buryo bworoshye ibyo tutakwishoboza. Imana ishaka kuduha ubuntu, naho Satani ashaka kuduha isoni. Ni ukuvuga mu yandi magambo "kugawa".

Kuba Imana ituvanaho umugayo, bivuga ko buri wese muri twe yakira imbabazi itanga ku bw'ibyaha byose twakoze mu gihe



cyashize. Ugomba kumenya ko nta gihe na kimwe uzaba ukwiriye imigisha y'Imana. Ushobora gusa kuyakira no kuyishimira wiyoroheje, ugatangazwa n'ukuntu Imana ari nziza kandi igukunda. Kwiyanga, kutiyemera uko uri, kwanga kwakira imbabazi z'Imana (wibabarira), kudasobanukirwa gukiranuka guheshwa n'amaraso ya Yesu n'ibindi bibazo bigendana n'ibyo bizatuma ukomeza kuzerera mu butayu. Imitekerereze yawe igomba guhinduka mishya ku birebana no gukiranukira Imana binyuze muri Yesu - bitanyuze mu mirimo yawe bwite.

Nyuma y'imyaka myinshi maze mu murimo w'Imana, ndemera ntashidikanya ko hafi 85 ku ijana y'ibibazo byacu bituruka ku buryo twibona. Umuntu wese ubona agendera mu kunesha aba agendera no mu gukiranuka. Nta n'umwe muri twe ukwiriye imigisha y'Imana, tuyakira kubera ko turi abaraganwa na Kristo (abaroma 8:17). Yarayikoreye, naho twe tuyakira dushyira ukwizera kwacu muri we.

"Ni cyo gituma utakiri imbata, ahubwo uri umwana: kandi rero ubwo uri umwana, uri n'umuragwa, ubihawe n'Imana" (Abagalatiya 4:7). Uri umwana cyangwa uri imbata - umuragwa cyangwa umugaragu w'imbata? Umuragwa ni umuntu wakira ikintu ahawe bidaturutse kuko agikwirirye, nk'igihe umuntu ahaye undi isambu biturutse ku bushake. Umugaragu w'imbata cyangwa umukozi, mu busobanuro bwa Bibiliya, ni umuntu warushye kubera kugerageza gukurikiza amategeko. Iryo jambo rigaragaza kuremererwa n'akazi n'ibibazo. Imana irashaka kuguha imbabazi z'amakosa yawe niba ushaka kuzakira. Ntabwo ihemba intungane zitagira inenge kandi zidakora amakosa, ahubwo igirira ubuntu abashyira ukwizera n'ibyiringiro byabo muri Yo.

#### **24. Kuki ntagira ishyari no kwifuza mu gihe abandi bose bandusha kumererwa neza? Imitekerereze yo mu butayu nomero ya 9**

Kwita ku by'abandi bizatugumisha mu butayu. Ishyari, gufuha, kwigereranya n'abandi no kugereranya ibihe turimo n'abandi ni imitekerereze y'ubutayu. Inkoranyamagambo ya Vine isobanura amagambo yo mu Isezerano rya kera n'Irishya, isobanura ijambo ry'ikigereki ryahinduwe "gufuha" nko "kumva utanezerewe kubera

kumererwa neza kw'abandi". Ishyari risobanurwa na Webster nko "Kumva ufite gufuha, ubwoba, cyangwa gusharirirwa" kugira ubwoba bwo guta ibyo ufite bigafata undi, kubabazwa n'iterambere ry'undi, biturutse ku byiyumviro byo gufuha. Ntitugomba kwigereranya no gupinganwa n'abandi.

"Maze habyuka impaka muri bo, ngo ni nde muri bo ukwiriye gutekerezwa ko ari we mukuru. Arababwira ati: "Abami b'amahanga barayategeka, n'abafite ubutware bwo kuyatwara bitwa ba ruhekerababyeyi. Ariko mwebweho ntikumube mutyo, ahubwo ukomeye muri mwe abe nk'uworoheje, n'utwara abe nk'uhereza" (Luka 22:24-26).

Ifuhe, ishyari no kwigereranya n'abandi ni ibimenyetso byo kubura umutekano. Iyo tubuze umutekano ku byerekeye agaciro kacyi nk'umuntu wihariye, tuzisanga dupiganwa n'undi ugaragara nk'aho atunganiwe kandi akora neza.

Buri gihe nkomezwa nuko hari ibyiringiro kuri jye, iyo ndebye ku bigishwa ba Yesu ngasanga bararwanye n'ibintu ndwana na byo. Muri Luka 22 tubona abigishwa bajya impaka zo kumenya umukuru muri bo. Yesu yabasubije ko umukuru muri bo ari mu by'ukuri wa wundi wifuza kugaragara nk'umuto cyangwa ushaka kuba umugaragu. Umwami wacu yamaze igihe cye kinini agerageza kwigisha abigishwa be ko ubuzima bwo mu bwami bw'Imana buba akenshi buhabanye n'inzira z'isi cyangwa z'umubiri. Hakurikijwe imikorere y'isi, ahantu haruta ahandi kuba heza ni ukuba hejuru y'abandi bose. Imitekerereze ya benshi ni uko tugomba kugerageza kugera hejuru tutitaye ku bo duhuta mu nzira yacu tuzamuka. Ariko Bibiliya itwigisha ko nta mahoro nyayo dushobora kugira mu gihe cyose tutari twabohorwa icyifuzo cyacu cyo gupiganwa n'abandi. Birumvikana ko tugomba gukora neza bishoboka ku kazi, nta kibi kiri mu gushaka gukora neza no gutera imbere mu murimo twahisemo. Ariko ndabashishikariza kwibuka ko kuzamurwa mu ntera k'umukristo guturuka ku Mana, si ku muntu. Wowe nanjye ntidukeneye gukina imikino y'abisi kugira ngo tujye imbere. Imana izaduha igikundiho kuri yo no ku bandi nidukora ibintu mu buryo bwayo (Imigani 3:3,4).

Ifuhe, ishyari, kwigereranya n'abandi ni iby'abana. Mu by'umubiri, ntaho bihuriye n'ibintu by'Umwuka. Ndetse ni imwe mu mpamvu z'ingenzi zitera imibereho y'ubutayu. Wite ku bitekerezo byawe muri uru rwego. Mu gihe utahuye ko imitekerereze mibi itangiye kwisuka mu mutwe wawe, iganirize gato, wibwire uti: "Bizamarira iki kugirira abandi ishyari? ntibizampesha umugisha. Imana ifite umugambi wihariye kuri buri wese muri twe, kandi ndiringira ko izankorera ibyiza. Ibyo ihisemo gukorera abandi ntibindeba, noneho rero basengere wabigambiriye kandi ufite intego, kugira ngo barusheho guhabwa imigisha. Witinya kubwiza Imana ukuri ku byo wiyumvamo. Ibyo ari byo byose izi uko wiyumva, bityo rero ukwiye kubiyibwira.

## **25. Nzabikora uko mbyumva cyangwa mbireke Imitekerereze yo mu butayu numero ya 10.**

AbIsirayeli bagaragaje kwinangira no kwigomeka cyane mu myaka bamaze mu butayu. Iyo ni yo mpamvu yatumye bapfirayo. Ntibashoboraga gukora ibyo Imana yababwiraga gukora! batakiraga Imana ngo ibakure mu ngorane mu gihe babaga bageze mu kaga. Ubwo bumviraga amabwiriza yayo kugeza igihe ibihe bibaye byiza. Maze nyuma bakongera bagasubira inyuma bakigomeka. Tugomba gusobanukirwa ko iyo hatariho kumvira nta kubaha kubaho.

Kumvira ni ikintu kigira ingaruka ikomeye; gukinga imiryango y'ikuzimu kandi kugakingura amadirishya y'ijuru. Nakwandika igitabo cyuzuye ku kumvira, ariko muri aka kanya ndashaka gusa kwerekana ko ubuzima bwo kutumvira ri imbuto yo gutekereza nabi. Ibitekerezo byacu ni byo bidushyira akenshi mu bibazo. Muri Yesaya 55:8, Uwituka aravuga ati: "Erega, ibyo nibwira si byo mwibwira, kandi inzira zanyu si zimwe n'izanjye". Uko twatekereza kose, Imana yatwandikiye ibitekerezo byayo mu gitabo cyitwa Bibiliya. Tugomba guhitamo gusuzuma ibitekerezo byacu tumurikiwe n'Ijambo ry'Imana, tugahora twemera ko ibitekerezo byacu bigengwa n'ibyayo, tuzi neza ko ibitekerezo byayo ari byo byiza. Ibi ni byo bavuga mu 2 Abakorinto 10:4,5.

Suzuma ibiri mu mitekerereze yawe. Niba bidahuje n'ibitekerezo by'Imana (Bibiliya), noneho kubita hasi ibitekerezo byawe, maze utekereze ku byayo. Abantu babaho mu mitekerereze yabo idafatika ntibisenya ubwabo bonyine, ahubwo basenya n'abandi babana.

Urugamba ruri mu bitekerezo! Ni ukuri, kuri uru rugerero rw'ibitekerezo uzatsindira cyangwa utsindirwe mu ntambara Satani yashoje. Ndasenga mbivanye ku mutima rwose nsaba ko iki gitabo cyagufasha gukubita hasi ibyo wibwira n'ikintu cyose cyishyirira hejuru kurwanya kumenya Imana, ufata mpiri ibitekerezo byose ngo byumvire Yesu Kristo.

## **IBITABO BYIFASHISHIWE**

Strong, James. *New Strong's Exhaustive Concordance of the Bible*. Nashville: Thomas Nelson Publishers, 1984.

Vine, W.E. *Vine's Expository Dictionary of Old and New Testament Words*. Old Tappan : Fleming H. Revell Company, 1981

Vine, W.E.; Unger, Merrill; White, William, Jr., eds. *Vine's Expository Dictionary of Biblical Words*. Nashville: Thomas Nelson, Inc. Publishers, 1985.

*Webster's II New Riverside University Dictionary*, Boston: Houghton Mifflin Company, 1984.

## IBYEREKEYE UMWANDITSI

Joyce Meyer yabaye umwigisha w'Ijambo ry'Imana guhera mu 1976. Hanyuma yiyegurira burundu umurimo w'ivugabutumwa guhera mu 1980. Nk'umufasha wa pasitori mu Itorero rya "Life Christian Center" mu mugi wa Mutagatifu Ludoviko muri Missouri, yatangiye, ayobora kandi yigisha mu materaniro ya buri cyumweru azwi ku izina ry'"Ubuzima mu Ijambo" (Life In The Word). Hashize imyaka irenga itanu, Imana yaje kubisohozza, imuyobora gushinga umuryango we w'ivugabutumwa awita " Ubuzima mu Ijambo, inc." (Life In The Word, Inc.) Iradiyo na Televiziyo by'uyu muryango wa Joyce Meyer, Life In The Word, Inc. byumvikana kandi bikagaragara muri Amerika yose no mu isi. Abantu bo ku isi yose bakunda amakaseti y'inyigisho ze. Akunda kugenda hirya no hino akora ibiterane by' "Ubugingo mu Ijambo". Joyce Meyer n'umugabo we Dave bamaze imyaka irenga 33 babana kandi bafitanye abana bane. Abo bana bose uko ari bane barashatse, bose kandi n'abo bashakanye bakorana na Joyce Meyer muri uwo muryango w'ivugabutumwa. Joyce na Dave batuye i Sunset Hills, Missouri mu mugi wa Mutagatifu Ludoviko Suburb.

Joyce yizera ko umuhamagaro we ari ugukomeza abakristo mu Ijambo ry'Imana. Avuga ko "Kristo yapfuye kugira ngo abohore imbohe, ariko kugeza na n'ubu hari abakristo benshi badafite na mba cyangwa bafite intsinzi nto mu buzima bwabo bwa buri muni." Kubera ko na we yabaye muri ubwo buzima imyaka myinshi, hanyuma akaza kubaturwa kugira ngo abeho mu ntsinzi ishingiyeye mu gushyira mu bikorwa Ijambo ry'Imana, Joyce afite ibikinewe kugira ngo abohore imbohe kandi atume abantu bambikwa ubwiza mu kimbo cy'ivu. Joyce yigishije ku gukira intimba zo mu mutima, n'izindi nyigisho zisa n'izo mu gihugu hose afasha abantu ibihumbi byinshi. Yakoze amakaseti yo kumva atandukanye arenga 160 kandi yanditse ibitabo 20 kugira ngo afashe umubiri wa kristo mu nyigisho zitandukanye. Hari itsinda ry'inyigisho zivuga ku gukira ibikomere byo mu mutima zimara amasaha 23. Amakaseti amwe y'izo nyigisho avuga ku "Kwiringira" (confidence), "*Ubwiza mu kimbo cy'ivu*" (*Beauty for Ashes*), "*Kugenga ibiyumviro byawe (Managing your Emotions)*", "*Gusharirirwa, kuzinukwa no kutababarira*"

*(Bitterness, Resentment, and Unforgiveness)*, “Umuzi wo kutemerana” (*Root of Rejection*) n’indirimbo z’iminota 90 zo kuri kaseti yitwa “Gukiza abafite imvune z’umutima” (*Healing the Brokenhearted*).

Irindi tsinda ry’amakaseti ya Joyce avuga ku “Bitekerezo” ririmo amakaseti 5 yerekeye imitekerereze: “Ibihome byo mu bitekerezo n’imitekerereze” (*Mental Strongholds and Mindsets*), “Imitekerereze y’ubutayu” (*Wildness Mentality*); “Imitekerereze ya kamere” (*The Mind of The Flesh*) “Imitekerereze izerera, ifite impungenge” (*The Wandering Wondering Mind*) n’ “Ibitekerezo, umunwa, ibyiyumviro n’imyifatire.” (*Mind, Mouth, Moods and Attitudes*) Iri tsinda ririmo kandi igitabo cyiza cyane kitwa “Intambara zo mu bitekerezo” (*Battlefield of The Mind*). Ku ngingo y’urukundo, afite amatsinda atatu y’amakaseti, “Urukundo ni...”, “Urukundo: imbaraga z’ikirenga”, no “Gukunda Imana, kwikunda no gukunda abandi”

Andikira ibiro bya Joyce Meyer ubashe kubona urutonde rw’ibitabo n’ayandi makuru y’uko wabona amakaseti ukeneye kugira ngo ubone gukira kuzuye mu bugingo bwawe.

# Isengesho ryo Kwatura

Imana iragukunda kandi irifuzza kugirana ubusabane bwihariye nawe. Niba utarakiriye Yesu Kristo nk'Umucunguzi wawe wabikora ubu. Mwugururire umutima ubundi uvuge iri sengesho.....

"Data, nziko nagucumuyeho. Ndakwinginze mbabarira, nyeza. Ndahamya kwizera Yesu umwana wawe. Ndizera ko yampfiriye, yatwaye ibyaha byanjye kumusaraba. Ndizera kandi ko yazutse mubapfuye. Guhera ubu nguhaye ubuzima bwanjye Yesu. Urakoze Data ku mpano nziza y'imbabazi n'ubuzima bw'iteka. Ndakwinginze mfasha kubeshwaho nawe. **Mw'izina rya Yesu, Amen.**

Mu gusenga iri sengesho n'umutima wawe, Imana yakwakiriye, irakweza, ikubohora ku mwuka w'urupfu. Rero fata akanya usome kandi wige iyi mirongo ya Bibiliya kandi usabe Imana kukuganiriza muri iyi nzira y'ubuzima bushya utangiye.

- Yohani 3:16
- Abakorosayo 15:3-4
- Abefeso 1:4
- Abefeso 2:8-9 1
- Yohana 1:9 1
- Yohana 4:14-15 1
- Yohana 5:1 1
- Yohana 5:12-13

Senga kandi umusabe agufashe kubona itorero ryizerera mw'ijambo ry'Imana aho bagufasha kongera ubusabane bwawe na Kristo. Imana izabana nawe, izakuyobora kandi ikwereke uko ubaho ubuzima bwuzuye yaguteganiye.



**Niba ushaka kubona umwanditsi, andika:**

Joyce MEYER Ministries

P.O. Box 655

Fenton, Missouri 63026

Cyangwa uhamagare kuri (636) 349 - 0303

Urubuga rwa interineti : [www.joycemeyer.org](http://www.joycemeyer.org)

*Niwandika uzashyiremo n'ubuhamya cyangwa ibyagufashije wakuye muri iki gitabo. Ibyifuzo byawe na byo bihawe ikaze.*

# URUGAMBA RURAHINANYE KANDI RURI KUBERA MU BITEKEREZO BYAWE

*Inkuru nziza ni uko Imana iri kukurwanirira!*

Imana ikwifuriza ibintu bihebujye mu buzima bwawe kandi Satani arabizi. Satani ashaka kuneshesha abantu b’Imana umugambi w’ubushukanyi n’ibihendo bye byuzuye amayeri. Ibitero bye by’ibitekerezo bishidikanya n’ubwobara bishobora kumunga imbaraga zawe, kandi yiteguye gukoresha igihe cyose gishoboka kugira ngo agutsinde. Ariko ubu, iki gitabo ufite kiratangaza intsinzi! Abana b’Imana bazatsinda! Bashobora gukoresha Ijambo ry’Imana bagatsinda ubujura n’amayeri ya Satani. Muri iki gitabo, umwanditsi Joyce Meyer ashya ahagaragara amayeri y’umwanzi kandi agatanga n’inama zisobanutse z’uko watsinda intambara yo mu bitekerezo byawe. Joyce arakwigisha uko wahindura imitekerereze yawe mishya ukoresheje Ijambo ry’Imana, hanyuma ukanesha intambara y’ibitekerezo.

Uziga :

- Uko imitekerereze mibi igira ingaruka mbi ku mibereho y’abantu
- Uko wahangana n’imatekerereze mibi
- Uko wamenya kandi ugatsinda ibihendo bya Satani by’imatekerereze yo mu butayu
- Uko wakura ubuzima bwawe mu bibazo ukabaho mu ntsinzi
- Uko wakurira mu mitekerereze ya Kristo.